25 MAY 2018

Rwamagana, kuwa............
N°....318......./07.05.01

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

OFFICE OF NGOMA DISTRICT COUNCIL
RECEIVED ON: 20/6/2018
REFERENCE:...........
SIGNATURE:...........

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma**
**NGOMA**

**Impamvu: Imyanzuro y'Inama Njyanama idasanzwe yo kuwa 09/05/2018**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku myanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 09/05/2018 yangezeho kuwa 14/05/2018;

Ndabashimira imyanzuro mwafashe ku bibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage (Human security issues), nkaba nsaba ko mwatangira kuyishyira mu bikorwa, mukazubahiriza igihe mwihaye cyo kuba mwamaze gukemura ibyo bibazo burundu, kandi bigatangirwa raporo kugirango inzego zibishinzwe zibikorere ubugenzuzi.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **NGOMA**

P.O. Box 30 Rwamagana, Tel: 0252567931, Email: info@easternprovince.gov.rw,
Website: www.easternprovince.gov.rw

Ngoma, kuwa 14/05/2018

No Ref.NJY/ 43/07.05.06

REPUBULIKA Y'U RWANDA

OFFICE OF THE MAYOR
NGOMA DISTRICT
RECEIVED ON: 15/5/2018
REFERENCE:
SIGNATURE:

Eastern Province
For reception
Date 14 MAY 2018
Signature

RECEPTION
MINALOC
Date: 15/05/2018


**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

**Email:** discouncilngoma@yahoo.fr


Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y' inama idasanzwe y' Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 9 Gicurasi 2018.

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohererereze ku mugereka w' iyi baruwa Imyanzuro y' inama idasanzwe y' Inama Njyanama y 'Akarere ka Ngoma yo kuwa **9 Gicurasi 2018.**

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

P.O Dr KANGWANA M

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w' Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

**Bimenyeshejwe**:

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**KIGALI**

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

**Email: discouncilngoma@yahoo.fr**

**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 09/05/2018: IGIHEMBWE CYA KANE 2017-2018**

Kuwa gatatu tariki ya **09 Gicurasi 2018**, Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yarateranye mu nama yayo idasanzwe, iteranira mu cyumba cy'inama cy'Akarere, iyobowe na Perezida wayo **Bwana BANAMWANA Bernard**.

Inama yatangiye imirimo yayo i saa yine n'iminota makumyabiri (10h20) za mu gitondo , yitabirwa n'Abajyanama 23 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

Abajyanama basabye impushya ni aba bakurikira :

1. Bwana HAKIZIMANA Augustin
2. Madamu ISINGIZWE Aline
3. Madamu MUSABWASONI Marie Grace Sandra
4. Dr NAMANYA William
5. Bwana RUKUNDO Gulain
6. Madamu UWINGABIRE Fausca

Inama yitabiriwe kandi n'abandi batumirwa bakurikira:

-Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Ngoma;

-Umuyobozi w'Imirimo rusange mu Karere ka Ngoma;

-Abayobozi b'Amashami mu Karere ka Ngoma;

-Ba Perezida b'Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere ka Ngoma;

-Amanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge yose igize Akarere ka Ngoma;

-Abanyamuryango ba JADF mu Karere ka Ngoma;

-Abayobozi b'Inzego z'Umutekano mu Karere ka Ngoma.

Mu ijambo rye atangiza inama, Perezida w'Inama Njyanama y'Akerere ka Ngoma, yahaye ikaze abitabiriye inama abifuriza kugira inama nziza batanga ibitekerezo ku ngingo imwe rukumbi ariko ikomeye ariyo " **IBIBAZO BIBANGAMIYE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE (HUMAN SECURITY ISSUES)**".

Nyuma yo gusobanura uruhare rw'abatumirwa bari muri iyi nama arirwo gutanga ibitekerezo, ndetse n' urw' abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere arirwo gutanga ibitekerezo hakiyongeraho no gufata imyanzuro; Perezida w'Inama Njyanama yahise aha umwanya Umuyobozi w'Akarere **Bwana NAMBAJE Aphrodise** n'Umuyobozi w'Akarere wungirije **Madamu KIRENGA Providence** batanga raporo irambuye y'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage mu Karere ka Ngoma ndetse bakomeza basobanura n'iby'ubwisungane mu kwivuza MUSA.

Raporo imaze kwakirwa, hakurikiyeho kuyunguranaho ibitekerezo mu buryo burambuye ari nabyo Inama Njyanama yashingiyeho ifata imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro wa 1**:

**Ku kibazo cy'abantu bararana n'amatungo mu ngo zabo;**

a) Inama Njyanama yemeje ko ubukangurambaga bushyizwe imbere ari ubwo kugira ikiraro rusange cy' Isibo cyangwa cy' Umudugudu;
b) Hagendewe ku rugero rwiza rw'Umurenge wa SAKE, kuwa 26 Gicurasi 2018 ni umunsi wo kurangiza burundu ikibazo cy' amatungo ararana n' abaturage mu ngo mu Karere ka Ngoma; ibyo bikazatangarizwa mu muganda rusange uzaba wanitabiriwe n' Abajyanama b' Akarere mu Mirenge batorewemo.
c) Inama Njyanama yemeje ko Ubuyobozi bw' Inkeragutabara na Police bufasha hagashyirwaho byihutirwa Irondo ry' Umwuga mu tugari twose tw' Akarere ka Ngoma; rigomba gutuma amatungo atibwa.

**Umwanzuro wa 2**:

**Ku kibazo cy'ingo zidafite ubwiherero;**

Inama Njyanama ifashe umwanzuro ko icyo kibazo kigomba gukemuka vuba buri rugo rwo mu Karere ka Ngoma rukazaba rufite ubwiherero bitarenze tariki ya 31 Gicurasi 2018.

**Umwanzuro wa 3**:

**Ku kibazo cy' isuku n' isukura**;

a) Inama Njyanama yasabye Task Force y' Akarere ku bibazo bya Human Security gukora igenzura rya buri kwezi ahahurira abantu benshi no mu ngo z' abayobozi kuko bagomba gutanga urugero rwiza rwo kugira isuku umuco;
b) Binyuze muri Komisiyo yayo ishinzwe Iterambere ry' Imibereho myiza y' Abaturage, buri gihembwe Inama Njyanama yasabye kujya ihabwa na Task Force y' Akarere ku bibazo bya Human Security raporo igaragaza uko utugari twa buri Murenge duhagaze kugirango habeho gushima no guhana kuko abayobozi badashishikajwe no gufasha abaturage kwimakaza umuco w' isuku ntibazakomeza kwihanganirwa. Abayobozi b' Utugari tuza inyuma bazajya batumizwa babazwe.

**Umwanzuro wa 4**:

**Ku kibazo cy'imirire mibi;**

a) Inama Njyanama yemeje ko buri rugo rugomba kugira akarima k' igikoni kagahingwamo imboga bihitiyemo ariko kagafumbirwa kandi kakitabwaho cyane kavomererwa kuburyo no mu gihe cy' izuba imboga ziboneka.
b) Inama Njyanama yemeje ko buri rugo rugomba kugira nibura igiti kimwe cy' imbuto ziribwa;

**Umwanzuro wa 5**:

**Mu rwego rwo gukemura ikibazo cy' abaturage batagira ibyiciro by' ubudehe n' icy' ubwitabire muri MUSA;**

a) Inama Njyanama yemeje ko bitarenze tariki ya 31 Gicurasi 2018, buri muturage w' Akarere ka Ngoma azaba yaramaze gushyirwa mu kiciro cy' ubudehe kimukwiriye;
b) Inama Njyanama yemeje kandi ko hagomba gukorwa ubukangurambaga bukomeye no gusobanurira abaturage bose uburyo bushya bwo kwishyura MUSA hifashishijwe amasibo, Radio Izuba, ibimina, inteko z' abaturage,... ku buryo tariki ya 31 Ukuboza 2018 ubwitabire muri MUSA buzaba ari 100% mu Karere ka Ngoma.
c) Inama Njyanama yemeje ko mu Tugari twose tugize Akarere ka Ngoma hagomba gukorwa inama z'ibimina zo gukangurira abaturage kwishyura MUSA.

**Umwanzuro wa 6**:

**Ku kibazo cy' abana bata ishuri;**

a) Inama Njyanama yemeje ko umwana wese wigaga mu mashuri abanza n' ayisumbuye akaba yarataye ishuri, agomba kumenyekana bikagera tariki ya 31 Gicurasi 2018 yaragaruwe mu ishuri;
b) Inama Njyanama ihaye inshingano Komisiyo yayo ishinzwe Iterambere ry' Imibereho myiza y' Abaturage yo gutegura amabwiriza ahana ababyeyi badohoka ku nshingano zabo bagakura/bareka abana babo bakava mu ishuri.

**Umwanzuro wa 7**:

**Ku kibazo cy'abaturage barwaye amavunja**;

Inama Njyanama yemeje ko bitarenze tariki ya 26 Gicurasi 2018 nta muturage wo mu Karere ka Ngoma uzaba akirwaye amavunja.

**Umwanzuro wa 8**:

**Ku birebana na JADF y'Akarere;**

Inama Njyanama yemeje ko bitarenze tariki ya 25 Gicurasi 2018, JADF izaba yamaze kugaragaza uruhare rwayo mu gukemura ibibazo bya Human Security mu Karere ka Ngoma.

**Umwanzuro wa 9**:

**Ku mikorere y'amasibo;**

a) Inama Njyanama yemeje ko buri Murenge ugomba kunoza imikorere y' amasibo kugirango agire uruhare rw' ibanze mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y' abaturange nk' uko urugero rw' Umurenge wa Sake rubigaragaza;
b) Inama Njyanama yasabye Task Force y' Akarere ishinzwe ibibazo bya Human Security, gukurikirana n' imikorere y' amasibo.

**Umwanzuro wa 10**:

a) Inama Njyanama yemeje ko muri buri Murenge ugize Akarere ka Ngoma hagiye gukorwa inama y' Inama Njyanama idasanzwe y' Umurenge igatumirwamo n' Abajyanama bahagarariye uwo Murenge mu Nama Njyanama y'Akarere kugirango bafate ingamba zo gukemura ibibazo byo mu rwego rwa Human Security.

b) Inama Njyanama yemeje ko mu nama zayo zisanzwe za buri gihembwe, ku murongo w'ibyigwa hagomba kubamo ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'Abaturage.

Perezida w'Inama Njyanama yayishoje yongera gushimira abitabiriye ku bw' ibitekerezo byiza byubaka Akarere ka Ngoma no kubw' ikizere bagaragaje cy' uko ibigaragara nk' ibibazo bizakemuka vuba.

Inama yarangiye saa kumi z' umugoroba(16h00).

**Bikorewe i Ngoma kuwa 9 Gicurasi 2018.**

Umwanditsi w' Inama

**MUKANKURANGA Beatrice**

Umunyamabanga w' Inama Njyanama

y' Akarere ka Ngoma

Umuyobozi w 'Inama

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w' Inama Njyanama

y' Akarere ka Ngoma

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 9 GICURASI 2018.**

| No | AMAZINA | UMURENGE | Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 01 | MUGREANEZA Thierry | Rurenge | 0788430181 | |
| 02 | Mukankuranga B | Kibungo | 0788457849 | |
| 03 | Habalurama Onette | Ngoma | 0788590033 | |
| 04 | Muligo Ladislas | Karembo | 0788668571 | |
| 05 | KABANYANA Candide | Rukumberi | 0783338779 | |
| 06 | UWIMANA Florence | KAZO | 0783567081 | |
| 07 | GASANA Jean de Dieu | Murama | 0788524595 | |
| 08 | KIMENYI Martin | KAZO | 0788849461 | |
| 09 | MUKANKUNZI Pelagie | MUGESERA | 0788605220 | |
| 10 | MBARANGA Eudence Gervais | Murama | 0788811752 | |
| 11 | Mukandanga Marie | Jarama | 0788340022 | |
| 12 | [illegible] | Murama | [illegible] | |
| 13 | UMUHIRE M.Providence | Sake | 0788263037 | |
| 14 | KAMANZI John | Mutendeli | 0788643526 | |
| 15 | MUGISHA Natasi | REMERA | 0783716434 | |
| 16 | MUSONERA Ephrem | MUGESERA | 0788389697 | |
| 17 | MUKARUTESI Chantal | KIBUNGO | 0788467995 | |
| 18 | Dr KANOBANA M | SAKE | 078841320 | |
| 19 | Bernard BANZUBUSA | ZAZA | 0727310765 | |
| 20 | RWIRIRIZA J.M.V | Rukira | 0788522524 | |

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 9 GICURASI 2018.**

| No | AMAZINA | UMURENGE | Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 21 | Aphrodise [illegible] | Kibungo | 0786859415 | |
| 22. | KIRENGA Providence | KAZO | 0788562953 | |
| 23 | KAYIRASI Paulette | Karembo | 0788770827 | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |